

UBUHINZI BW'ICYAYI

Icyayi gihingwa cyane mu turere tw'imisozi miremire (ubutumburuke : m 1500-2700), dukonja kandi tugusha imvura ihagije (mm 1500-2000 ku mwaka). Gihingwa ku butaka butari ku rubuye, buseseka, bwinjiza amazi, burebure, bufite ubusharire buri hagati ya 4.5 na 5.5.

Icyayi gihingwa mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Karongi, Rutsiro Rubavu, Nyabihu, Ngororero, Gicumbi, Rurindo, Burera, Nyaruguru and Nyamagabe.

Imirimo ikorwa mu cyayi kugeza ku isoroma:

I. Gutegura ubuhumbikiro

Imbuto z'icyayi zitegurwa nibura amezi icumi mbere yo kuzitera. Umurima uzakurwaho ingeri (parc à bois) utegurwa byibura amezi atandatu mbere yo gutangira ubuhumbikiro. Ingeri zikaturwa mu muti uzirinda ibyonnyi (Dithane) mbere yuko ziterwa mu bihoho. Mu bihoho hajyamo itaka rifite ifumbire (terre noire) kugera muri $\frac{3}{4}$ by'ibihoho naho $\frac{1}{4}$ kigashyirwamo itaka ritagira ubwandu (terre rouge). Nyuma yo gutera ingeri imbuto zikomeza kwitabwaho haterwa imiti yica udukoko n'ifumbire ndetse zikuhirwa hanarebwa izapfuye zigasimbuzwa. Imbuto zipfundurwa (acclimatation) nyuma y'amezi atandatu zitewe mu bihoho.



Igiti gikurwaho ingeri



Ingeri ziterwa mu bihoho



Uko ingeri ziterwa



Gusukira ubuhumbikiro

II. Gutegura umurima

Ibyitabwaho cyane mu gutegura umurima:

- Kurandura neza ibiti byose n'imizi yabyo igashiramo.
- Kumaramo urwiri rwose
- Guca imiyoboro y'amazi iyo ari mu gishanga
- Guca imihanda minini n'imito n'inzira
- Gushinga imambo (hagati y'igiti n'ikindi cm 60-80, hagati y'imirongo cm 120-140)



III. Gutera icyayi

Umwobo uterwamo icyayi uba ufite umurambararo wa cm 30 n'ubujyakuzimu bwa cm ± 50 .

Haterwa ingemwe zakuze neza zimeze neza (imizi yuzuye mu gihoho kandi zifite byibura cm20 z'uburebure. Mu gutera igihoho gikurwaho kigashingwa ku mambo.



IV. Kugiha ireme

Ni ugukora ku buryo kigara uherye hasi kikagira amashami ya mbere atambitse azazamukaho andi menshi akoze ameza y'icyayi umusoromyi asoroma bitamugoye. Ibyo bishobora gukorwa hakoreshejwe uburyo bwo gukata, cyangwa uburyo bwo kugonda.



V. Kugiha ameza yo gusoromeraho (tipping)

Bikorwa kugirango icyayi kigire ameza aringaniye kandi ateganyane n'ubutaka. Bakuraho ishami ryose rifite amababi 3 n'umwumba hejuru ya cm 60.

Inshuro ebyiri kugeza kuri eshatu ni ngombwa kugirango ameza akenewe agerweho neza.



VI. Gutera ifumbire

Ni ngombwa gutera ifumbire mu cyayi kuko uko gisoromwa niko ibigitunga bishiramo bikaba ngombwa kongerwa.

Hakoreshwa ifumbire y'imborera yahuguse neza, ariko ifumbire mvaruganda arinayo ifasha cyane mu kongera umusaruro w'amababi igaterwa buri mwaka ku buryo bukurikira.

Mu cyayi kigiterwa mu murima

Ubunini bw'umwobo	Ifumbire (g) SSP
45 cm x 22.5 cm	30 g
50 cm x 25 cm	40 g
60 cm x 30 cm	54 g

Mu cyayi kikiri gito

	Dose (kg/ha/mwaka)		
	Umwaka wa 1	Umwaka wa 2	Umwaka wa 3-5
N	60	70	80
P	12	14	16
K	12	14	16
NPK 25:5:5	240	280	320

Mu cyayi gikuze

Dose(kg/ha/mwaka)		
	Umwaka wa 6-7	Umwaka wa 8 kuzamura
NPK 25:5:5	480	600

VII. Kubagara


Kimwe n'ibindi bihingwa iyo icyayi kitabagaye ntigikura neza kuko ibigitunga kibisangira n'ibyatsi bityo n'umusaruro ukagabanuka. Ni ngombwa rero kubagarira icyayi.

Iyo kikiri gitoya hifashishwa masuka ariko mu cyayi ni byiza gukoresha herbicide kugirango imizi idakomeretswa.

VIII. Gukata icyayi (pruning)

Nyuma y'imyaka 4 gisoromwa, icyayi ntikiba kigikura neza kandi kiba kigeze aho abakozi batagishyikira n'umusaruro ukagabanuka. Ni ngombwa kugikata.

Uko bagikata: Kubanza kureba aho bakatiye ubushize, kugena aho bakatira bongeraho 5 cm, gukoresha agati kareshya n'urugero wifuza gukatiraho (Hauteur de taille), gukatisha igikoresho cyabugenewe (pruning knives).



Uko bakata icyayi

IX. Gusarura icyayi (plucking)

Hasoromwa umwumba n'utubabi 2 tuwukurikiye (Pekoe + 2). Isarura rikozwe neza niryo ritanga ubwiza bw'icyayi kiva mu nganda.

Icyayi gifashwe neza gisarurwa uko iminsi 7 ishize kugera kuri 10 mu gihe cy'imvura. Iyi minsi ishobora kurenga iyo izuba ryabaye ryinshi. Gusoromera igihe byongera ubwiza n'ubwinshi bw'icyayi.

Utubabi tw'icyayi dusarurwa



Uko basoroma icyayi

Nyuma yo gusarura icyayi kijyanywa ku ruganda kigahindurwamo icyayi cyumye.